REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUZIMA

Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 18 Werurwe 2020

Uyu munsi hagaragaye abandi bantu batatu (3) barwaye Koronavirusi, ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri cumi n'umwe (11).

- Umugore w'Umuhindekazi w'imyaka 37 wageze mu Rwanda ku itariki 8 Werurwe 2020 aturutse mu mujyi wa Mumbai mu Buhinde akaba yarashakanye n'umwe mu baherutse kugaragaraho iyi ndwara mu Rwanda.
- Umugabo w'Umunyarwanda w'imyaka 26 udaherutse kugirira ingendo mu mahanga.
- Umugabo w'Umunyarwanda w'imyaka 45 wageze mu Rwanda ku itariki ya 16 Werurwe 2020 aturuka mu Bubiligi anyuze mu mujyi wa Addis Ababa muri Etiyopiya.

Abo barwayi bose baravurirwa ahantu habugenewe. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Mu kurushaho kwirinda ikwirakwizwa rya Koronavirusi, hahagaritswe ingendo z'indege ziva cyangwa zijya mu Rwanda, harimo na RwandAir, zinyuze ku Kibuga Mpuzamahanga cya Kigali. Ibi bizatangira gukurikizwa guhera tariki ya 20 Werurwe 2020 saa sita z'ijoro. Izi ngamba zizamara igihe cy'iminsi 30 ishobora kongerwa. Indege zitwara imizigo ndetse n'izikora ibikorwa by'ubutabazi zizakomeza gukora nkuko bisanzwe.

Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika, bakurikiza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hibandwa cyane cyane ku **gukaraba intoki, kwirinda kujya ahantu hateraniye abantu benshi no kwirinda ingendo zitari ngombwa**.

Igihe cy'ibyumweru bibiri (2) cy'ifungwa ry'amashuri n'insengero gishobora kwongerwa ndetse kigashyirwa no ku zindi nzego bitewe n'uko icyorezo kigenda gifata intera.

Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa 114, akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri +250 78 175 3012, cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

MINISITERI Y'UBUZIMA
www.moh.gov.rw